ITANGAZO RIGENEWE ABANTU BOSE.

Mu rwego rwo kubahiriza umwanzuro, **Ref: 2310 / 2023 - 07557/0010 BNR [0]** wa Banki nkuru y'u Rwanda wo **kuwa 22/05/2023** udusaba guhindura izina, ushingiye ku biteganywa n'**ingingo ya 5 y'itegeko N° 030/2021 ryo ku wa 30/06/2021** rigenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi mu Rwanda, iha ijambo **<< Assurance >> ubusugire,** Banki nkuru y' u Rwanda yadusabye ko ijambo **Assurance** rigaragara mu izina rya sosiyete yacu turikuramo. Dufashe uyu mwanya ngo tumenyeshe abantu bose ko twanyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko sosiyete **PLACIER EN ASSURANCE LTD** ihindura izina yitwa **PLACIER EN LIEU SÛR LTD** nkuko bigaragara ku birango bikurikira:

PLACIER EN ASSURANCE LTD

Risk Management and Risk Advisory

Capital :150.000.000 Frw, Head Office: Muhima - Beatitude House Opposite Hotel Okapi
TIN:106329872,Tel:+250 788 796 416,E-mail:placierenassurance@gmail.com
Web:www.placierenassurance.com

↓

PLACIER EN LIEU SÛR LTD

Risk Management and Risk Advisory, (Gestion des risques et Conseil en matière de risques)

Capital:150.000.000 Frw, Head Office: Muhima - Beatitude House Opposite Hotel Okapi
TIN:106329872,Tel:+250 788 796 416,E-mail:placierllp@gmail.com

Tuboneyeho n'umwanya wo kumara impungenge abantu bose ko PLACIER EN LIEU SÛR LTD nyuma yo gukora ibyo yasabwe na Banki nkuru y'u Rwanda nk'urwego rubifitiye ububasha ikabikora, ya komeje imirimo yayo uko bisanzwe. Ifasha abayigana **Gucunga n'ubujyanama mu gushyiraho ingamba zo guhangana n'ingaruka zikomoka ku byago *(Risk Management & Risk Advisory),*** umwe mu mirimo mishya ukomoka k'umurimo **M7020 – MANAGEMENT CONSULTANCY ACTIVITIES,** ugaragara k'urutonde rw'imirimo yemewe gukorwa mu Rwanda. Kimwe nindi mirimo ivuka muri gahunda ya Leta yo guhanga imirimo mishya, ndetse nindi isanzwe ikorwa ariko itahawe urwego rwa Leta rw'ubugenzuzi, ikorwa gusa hashingiwe ku masezerano cyangwa ubwumvikane bw'abatanga n'abahabwa serivise.

Ikigo **PLACIER EN LIEU SÛR LTD** kiboneyeho n'umwanya wo kwifuriza abayobozi mu nzego zose z'igihugu n'abanyarwanda bose muri rusange umunsi mwiza wo kwibohora. Dukomeze imihigo twishakemo ibisubizo, bityo twiyubakire igihugu twifuza.

Bikorewe i Kigali kuwa 07/07/2023.

PLACIER EN LIEU SÛR LTD TIN:106329872 Tel:0788795416 Risk Manager

MURENZI Jean Marie Vianney
Umuyobozi Mukuru.